



National Bank of Rwanda Banki Nkuru y'u Rwanda

KN 6 Av.4/P.O. Box 531 Kigali-Rwanda
Tel: (+250) 788199000 /
Website: www.bnrrw/
E-mail: info@bnrrw/
Swiftcode: BNRRWRWRW
Twitter: @CentralBankRw

The Governor

ITANGAZO RY'IBYEMEZO BYA KOMITE YA POLITIKI Y'IFARANGA YA BANKI NKURU Y'U RWANDA

Banki Nkuru y'u Rwanda yazamuye igipimo cy'inyungu fatizo yayo ho iby'ijana 50 igeria kuri 5%

Inama ngarukagihembwe ya Komite ya Politiki y'Ifaranga, yateranye ku wa 15 Gashyantare 2022, isuzuma ibyagezweho nyuma y'ingamba zafashwe mu nama yayo iherutse, inasesengura uko ubukungu bwifashe n'uko bwitezwe mu gihe kiri imbere, ku rwego rw'Isi, mu karere n'imbere mu Gihugu. Iri sesengura ryerekanyeko ibiciro by'ibicuruzwa fatizo birimo kuzamuka cyane ku masoko mpuzamahanga, bitewe n'izahuka ry'ubukungu ku Isi, bituma Banki Nkuru z'Ibihugu zitekereza gukaza ingamba za politiki y'ifaranga mu rwego rwo gukumira izamuka rikabije ry'ibiciro rusange ku isoko. Mu Rwanda, muri uyu mwaka wa 2022, hateganyijweko igipimo mpuzandengo cy'ihindagurika ry'ibiciro ku isoko, kizaba hejuru y'igipimo fatizo cya 5% Banki Nkuru igenderaho ndetse kikaba cyajya hejuru y'urubibi ntarengwa rwa 8% mu mpera z'umwaka. Imaze gusuzuma uko ubukungu buhagaze n'uko bwitezwe mu gihe kiri imbere, ku rwego rw'Isi n'imbere mu Gihugu, Komite ya Politiki y'ifaranga yazamuye igipimo cy'inyungu fatizo ya BNR ho iby'ijana 50 igeria kuri 5% ivuye kuri 4.5%, mu rwego rwo gukumira izamuka rikabije ry'ibiciro ku isoko. kandi n'izahuka ry'ubukungu rigakomeza gushyigikirwa.

bukungu bw'Isi bukomeje kuzahuka bugira uruhare mu izamuka ry'ibiciro ku isoko

Ibikorwa by'ubukungu bikomeje kuzahuka nk'uko bigaragazwa n'umusaruro mbumbe ku rwego rw'Isi, wiyoungereyeho 5.9% mu mwaka wa 2021, ukaba unitezwe kwiyongeraho 4.4% mu mwaka 2022, nyuma y'ihungabana ku kigero cya 3.1% mu mwaka wa 2020. Ibi byagezweho, kubw'ingamba ngandurabukungu zafashwe mu bihugu hirya no hino ku Isi, n'ubwo itangwa ry'urukingo rwa COVID-19 rikomeje gukoma mu nkokora izahuka ry'ubukungu, cyane cyane mu bihugu biri mu nzira y'amajyambere. Nyamara, uko ubukungu bw'Isi bwiyongera, ni nako ibiciro ku isoko bizamuka, ahanini bitewe n'ubwinshi bw'ibisabwa ugereranyije n'umusaruro uri ku isoko. Ibi byatumye Banki Nkuru hirya no hino ku Isi,



zitangira gukaza ingamba za politiki y'ifaranga mu ugukumira izamuka rikabije ry'ibiciro ku isoko.

Ubukungu bw'u Rwanda bukomeje kuziba icyaho bwatewe n'icyorezo cya COVID-19

Mu mujyo umwe n'ubukungu bw'lsi, ubukungu bw'u Rwanda bukomeje kuzahuka kubw'ingamba ngandurabukungu zihamye zashyizweho na gahunda y'itangwa ry'uruwingo rwa COVID-19 yagenze neza bituma ingamba zariho zo gukumira ikwirakwira ry'icyo cyorezo zoroshywa. Mu bihembwe bitatu bya mbere by'umwaka wa 2021, umusaruro mbumbe w'imbere mu Gihugu wiyoungereyeho 11.4%, ni ukuvuga 3.5% mu gihembwe cya mbere, 20.6% mu cya kabiri, na 10.1% mu gihembwe cya gatatu. Icipimo biboneka ku buryo bwiuse, bigaragazako ubukungu bwakomeje kuzamuka no mu gihembwe cya kane, ku buryo bushobora kwiyongeraho 10.2% mu mwaka wose nk'uko byari biteganyijwe. Igipimo cyihuse Banki Nkuru yifashisha mu gusuzuma uko ubukungu buzaba buhagaze mu gihe cya vuba, cyazamutseho 13.4% mu gihembwe cya nyuma 2021 mu gihe cyari cyiyongereyeho 10.5% mu gihembwe cya kane 2020. Umusaruro wavuye ku bicuruzwa by'urwego rw'inganda n'urwa serivisi na wo wiyoungereyeho 19.3% nyuma yo kuzamukaho 7.0% mu gihembwe cya kane cy'umwaka wa 2020. Muri uyu mwaka wa 2022, ubukungu bw'Ighugu buzakomeza kuzahuka, ndetse biteganyijweko buziyongeraho 7.2%, kubw'ingamba zihamye za politiki y'ubukungu, harimo gahunda yo gushyigikira izahuka ry'urwego rw'inganda n'ubwubatsi, itangwa ry'uruwingo rwa COVID-19 ndetse n'isubukurwa ry'ibikorwa by'ubukungu rikomeje.

Icipimo cy'inyungu banki zigurizanyaho nticyahindutse cyane kandi inguzanyo zihabwa urwego rw'abikorera zikomeje kuzamuka

Mu mwaka wa 2021, Banki Nkuru yakomeje politiki yayo y'ifaranga yorohereza ishoramari, bitewe n'ihindagurika ry'ibiciro ku isoko ryari ku kigero cyo hasi, n'ibiciro ku isoko ry'ivunjisha byari ku kigero kiboneye, kuko Ighugu cyari gifite ubwizigame buhagije bw'amadovize. Guhera muri Mata 2020, igipimo cy'inyungu fatizo ya Banki Nkuru cyagumye kuri 4.5%, iki kigero cyari kiboneye mu rwego rwo gukomeza gushyigikira ubukungu. Bityo, igipimo mpuzandengo cy'inyungu banki z'ubucuruzi zigurizanyaho cyagabanutseho iby'ijana 17 kigera kuri 5.18% muri 2021, n'ah'icy'inyungu ku nguzanyo zihabwa abazigana kigabanukaho iby'ijana 17 kigera kuri 16.18% kivuye kuri 16.35% mu mwaka wa 2020. Inguzanyo zose hamwe abikorera bari bafitiye amabanki, ziyongereyeho 14.7% mu mwaka wa 2021, bitewe n'ubwinshi bw'inguzanyo nshya zatanzwe muri icyo gihe, ziyongereyeho 15.4%.

Ibicuruzwa u Rwanda rwohereza mu mahanga bikomeje kwiyongera/kuzanzamuka

Ku bijyanye n'ubuhahirane n'amahanga, mu mwaka wa 2021, ibyo u Rwanda rwohereza mu mahanga byakomeje kuzanzamuka, biziba icyaho cyatewe n'icyorezo cya COVID-19, ndetse agaciro kabyo kiyongereyeho 53.4% kagera kuri miliyon 1 167.8 z'amadolari y'Amerika kavuye kuri miliyon 761.3 z'amadolari mu mwaka wabanje. Iri zamuka ry'umusaruro w'ibituruka ku byo u Rwanda rwohereza mu mahanga watewe ahanini n'uruhurirane rw'izamuka ry'ibiciro by'ibicuruzwa fatizo ku masoko mpuzamahanga uko ubukungu bw'Isi buzanzamuka nyuma yihungabana ryatewe n'icyorezo cya COVID-19 n'igabanuka ry'inzitizi ku rujya n'uruza rw'ibicuruzwa ku lsi ugereranyije n'umwaka wabanje. Ku rundi ruhande, imbere mu Gihugu, umusaruro w'ibyo u Rwanda rwohereza hanze wiyoungereye kubera ingamba za Leta mu gushyigikira izanzamuka ry'ubukungu hamwe n'izahuka ry'urwego ry'inganda uko ibikorwa by'ubukungu bisubukurwa.

Agaciro k'ibicuruzwa u Rwanda rutumiza hanze kiyongereyeho 16.5% bitewe n'ubwiyongere bw'ibikenewe hamwe n'izamuka ry'ibiciro ku rwego mpuzamahanga. Ak'ibijyanye n'ibikomoka ku ngufu kiyongereyeho 13.9%, naho ak'ibindi bicuruzwa bitaramba u Rwanda rwatumije mu mahanga kiyongerah 14.1% bitewe n'izamuka ry'ibiciro by'ibicuruzwa fatizo n'ibya peteroli ku isoko mpuzamahanga. Byongeye kandi, ibicuruzwa biramba n'ibicuruzwa nkenerwa mu nganda byazamutseho 11.6% na 15.7% bijyanye n'ubwiyongere bw'imishinga y'ishoramari n'ibikorwa by'inganda. Muri urwo rwego, icyaho hagati y'ibicuruzwa u Rwanda rwohereza mu mahanga n'ibyo rutumizayo cyagutseho 2.4% kigera kuri miliyon 2 033.1 z'amadolari y'Amerika mu mwaka wa 2021, cyivuye kuri miliyon 1 985.3 mu mwaka wa 2020.

Ugereranyije, icyaho hagati y'umusaruro uva mu byoherezwa n'ibiva mu buhahirane n'amahanga (ibicuruzwa, serivisi n'inkunga) cyaragabanutse, kigera kuri 11.1% by'umusaruro mbumbe w'imbere mu Gihugu kivuye kuri 11.9% byawo, mu mwaka wa 2020. Ibi bikaba byaratewe n'inkunga ziva hanze zaba iz'abantu ku giti cyabo n'inkunga za Leta zabonetse mu mwaka wa 2021. Iki cyuho cyabashije kuzibwa, kubw'Inguzanyo za Leta, ishoramari ry'abanyamahanga mu Rwanda mu mishinga n'ibindi. Bityo, Banki Nkuru y'u Rwanda yarangije umwaka wa 2021, ifite ubwizigame mu madovizi bwafasha Igihugu gutumiza ibicuruzwa na serivisi hanze mu gihe cy'amezi 5.3 ugereranyije n'igipimo fatizo cy'amezi 4.

Agaciro k'ifaranga ugereranyije n'idolari ry'Amerika kagabanutse gahoro ugereranyije n'umwaka wabanje.

Mu mpera z'Ukuboza 2021, agaciro k'ifaranga ry'u Rwanda ugereranyije n'idolari ry'Amerika kagabanutseho 3.8%, mu gihe kari kagabanutseho 5.4% mu mpera z'Ukuboza 2020. Inkeke ku igabanuka ry'agaciro k'ifaranga zaragabanutse muri uyu mwaka wa 2021, kubera ubusabe ku isoko ry'amadovizi butahindutse cyane, mu gihe amadovizi yinjira mu Gihugu yo yiyongereye. Muri uyu mwaka wa 2022, nta mpinduka zikabije zitezwe ku isoko ry'ivunjisha kuko Igihugu kizaba gifite ubwizigame buhagije bw'amadovizi.

Ihindagurika ry'igipimo rusange cy'ibiciro ku isoko riteganyijwe kuba hejuru y'ikigero fatizo cya 5% mu mwaka wa 2022.

Mu mwaka wa 2021, umuvuduko w'ihindagurika ry'igipimo rusange cy'ibiciro ku isoko waragabanutse ugera kuri 0.8% uvuye kuri 7.7% mu mwaka wa 2020. Mu gihembwe cya kane 2021, umuvuduko w'ihindagurika ry'ibiciro ku isoko wageze kuri 1.2% nyuma yo kugabanuka ku kigero cya 0.6% mu gihembwe cya gatatu (-0.6%), ahanini bitewe n'ibiciro by'ibicuruzwa bidakunze guhindagurika cyane, harimo ibiribwa bibikika bitumizwa mu mahanga hamwe n'amafaranga y'ishuli. Ugereranyije igihembwe ku kindi, ibiciro by'ibikomoka ku ngufu byariyongereye mu gihembwe cya kane 2021 bitewe n'izamuka ry'ibiciro by'amakara n'inkwi; ndetse n'iby'ibikomoka kuri peteroli bitewe n'izamuka ry'ibiciro ku isoko mpuzamahanga. Mu gihembwe cya nyuma 2021, kuba ibiciro byarazamatse byatewe n'uko umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro bidakunze guhindagurika n'iry'ibiciro by'ibikomoka ku ngufu warenze uw'igabanuka ry'ibiciro by'ibiribwa byangirika vuba bikomoka imbere mu Gihugu.

Mu mwaka wa 2022, iteganyamibare ryerekanako ihindagurika ry'igipimo rusange cy'ibiciro ku isoko rizaba hafi ya 7.5%, ndetse kikaba cyajya no hejuru y'urubibi ntarengwa rwa 8% bitewe n'izamuka ry'ibiciro by'ibikomoka imbere mu gihugu hamwe n'ibitumizwa mu mahanga.

Komite ya Politiki y'ifaranga, yarebye inkeke ku izamuka ry'ibiciro, yiyemeza kuzamura byihuse igipimo cy'inyungu fatizo ya BNR, iva kuri 4.5% igera kuri 5%. Nyuma y'isesengura, Komite yasanze iki cyerekezo cya politiki y'ifaranga kiri ku rwego ruboneye mu gukomeza gushyigikira ubukungu, hakumirwa izamuka rikabije ry'ibiciro mu gihe kiri imbere, ryagira ingaruka mbi ku bushobozi bwo kugura bw'abaturarwanda.



Komite ya Politiki y'Ifaranga izakomeza gukurikiranira hafi uko ubukungu bwifashe, kandi yiteguye gufata izindi ngamba zaba ngombwa mu gushyigikira ubukungu no gukumira ihindagurika rikabije ry'ibiciro ku isoko.

Ku wa 17 Gashyantare 2022



**RWANGOMBWA John
Guverineri akaba
n'Umuyobozi wa Komite ya Politiki y'Ifaranga
BANKI NKURU Y'U RWANDA**